№ 009 Werurwe, 2015

ADRA Rwanda

# IMBARUTSO y'iterambere

DANIDA
Action fo Social Change Program

Akanyamakuru ku burezi n'ubuzima mu mashuri, kandikwa na ADRA Rwanda ku nkunga ya DANIDA. Gasohoka buri gihembwe.

# ABIGAGA MURI CATCH-UP UBU BARI MU YISUMBUYE





Uwizeye Dative yemereye abanyeshuri 2 ubufasha bwo gukomeza mu yisumbuye

☞ P. 9



?¿Quiz?¿

UBUMENYI ☞ P. 20
Rahura ubwenge



Imirimo ivunanye ku bana ntiyemewe ☞ P. 5

# Ijambo ry'ibanze

## Mubyeyi, umurage w'umwana ni ishuri

Dukunze gusanga ababyeyi batize bitwaza ko nabo batize bityo bakumva ko abana babo nabo babaho mu buzima nk'ubwo babayemo ndetse ntibumve ko n'abo bana bakwiga bakaminuza.

Rimwe na rimwe, bitewe no kwinubira imirimo ivunanye abana bakoreshwa, usanga bamwe bahitamo kwigira i Kigali cyangwa se mu yindi mijyi gukorera amafaranga. Abana b'abakobwa bo bakunze guhura n'ingaruka zikomeye. Bamwe baterwa inda batifuje, abandi bakandura virusi itera Sida, mbese bakabaho mu buzima bubabaje.

Babyeyi nimuhaguruke musigasire kandi muhore muharanir icyatuma abana banyu batera imbere, mwirinde ibyabasubiza inyuma, mubarinde imirimo ivunanye kuko aribo bazavamo abantu bakomeye nk'abaganga, abaminisitiri, aba enjeniyeri (engineer) n'abandi bayobozi ku nzego zinyuranye. Ibyo bizababafasha kugira no kwigirira akamaro mu buzima bwabo bityo bibafashe kuzaba abagabo n'abagore bafite icyerekezo cyiza kandi gihamye.

Mubyeyi, umunani wa mbere w'umwana ni ishuri kandi umubyeyi ni we shingiro ry'umwana kuko umwana ahabwa uburere n'umubyeyi we cyangwa se umurera. Erega mubyeyi nuharanira uburenganzira bwe uzaba umuteza imbere kandi na we azakugoboka igihe uzaba ugeze mu zabukuru, fasha umwana wawe rwose.

Mubyeyi haranira ko umwana wawe atera intambwe ajya mbere aho kumudindiza mu bumenyi. Mufashe kuba yakoresha impano zimurimo. Muri izo mpano twavuga nko guhanga, kuririmba, kubyina, gukina umupira, ndetse n'ibindi.

Baca umugani Mu Kinyarwanda ngo 'ntawe usarura aho atabibye'. Sigasira uburenganzira bw'iryo simbi, hato uwo mwana atazisanga yabaye icyomanzi kandi bitari mu bigomba kumuranga. Nyemerera mubyeyi ubiharanire kuko nibyo bigomba kuranga umubyeyi mwiza kandi w'indakemwa muri byose.

Namwe bana bagenzi banjye, ndabasaba ngo mureke kwigira ibyigenge, mukurikize inama mugirwa n'ababyeyi banyu cyangwa ababarera bityo muzarushaho kumenya neza uburenganzira bwanyu bityo muziteza imbere ndetse n'igihugu cyacu muri rusange.

Bana namwe mwiga, nimukomeze inzira mwatangiye hato mudatera ababyeyi agahinda. Nimureke duharanire iterambere maze duseruke neza mu rwatubyaye, dukore ibyo tugomba gukora kandi mu gihe gikwiriye, tube aho tugomba kuba kuko ibyo bizadufasha gusiga isi ari nziza kurusha uko twayisanze.

Byanditswe na Uwamukurikiza Immaculee.
Umwaka wa 5 Computer Science
ESA Birambo.

# TEKEREZA

Nitwa TEKEREZA Jeanne mfite imyaka 14 niga muri Catch-up Nkoto mu cyiciro cya 1. Abana twese dukwiye kumenya ko buri mwana afite uburenganzira bwose ku isi no mu Rwanda by'umwihariko.

Ku ishuri batwigishije ko itegeko rirengera umwana risobanura neza ko umwana ari umuntu wese uri munsi y'imyaka 18. Batubwiye ko umwana afite uburenganzira, kandi ko ababyeyi be, abamurera ndetse na buri muntu wese muri rusange afite inshingano zo kubahiriza no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Mubyeyi ntugakoreshe umwana wawe imirimo ivunanye kuko ni we uzubaka ejo heza. Mujye mufata abana banyu neza kuko umwana wese ari nk'undi. Yaravutse nanjye ndavuka kuki tudafatwa kimwe? Kabone n'iyo yaba yarahohotewe akajugunywa n'umubyeyi we, ni umwana nk'undi. Ndabwira bamwe bajya bavuga ngo umwana w'umukobwa ntacyo yageza ku bandi. Mu rugo ndetse no mu ishuri abana bagomba gufatwa kimwe nk'uko bose ari abana. Hari abibeshya bavuga ko kwiga bireba abana b'abahungu gusa, OYA sibyo buri mwana wese agomba kwiga kuko umwana wese ari nk'undi. Nuramuka uhaye umwana uburere buboneye nibwo azagira icyo akumarira kandi nawe uzabona ko wabyaye ndetse binagutere ishema.

Hari abajya bitiranya umwana n'umuntu mukuru maze bakamukoresha imirimo ivunanye adakwiriye gukora. Ngaho umwana bamukoreye idomoro y'amazi atayishoboye, ngaho bamuhambiriye umutwaro adashobora guterura cyangwa bakamuha nk'urufuka adashobora guterura.

Babyeyi barezi mumenyeko imana izababaza abo bana ari abo mwabyaye cyangwa abo mutazi. Imbere y'Imana bose ni abana kandi barangana. Mujye mumenya ko abana bagomba kwiga. Nimureke turwanye ihohoterwa rikorerwa abana. Murakoze.



**Soma akanyamakuru**

Imbarutso y'iterambere

Twandikire @ imbarutso@adra.org.rw...

Duhamagare/SMS (+250) 786 278 505

Turashimira abagize uruhare muri iyi Nomero. Proof reading: Rudasingwa Théogène (Communication Coordinator). Collection of articles: ASC program Sector Coordinators: Eliphaz Ngirwenimana (Ruganda-Karongi), Charles Habimana (Gashali-Karongi), Sam Bigirimana (Gihombo-Nyamasheke). Turashimira kandi abarimu ba Catch-up ndetse n'abarimu bashinzwe ama clubs anti-SIDA mu mashuri (focal teachers), bafasha abanyeshuri kwandika inkuru.

*Layout&Design+Photography:* Etienne Ntawigira, Communication&Advocacy Officer/ADRA Rwanda (etienne@adra.org.rw/ nedoont@gmail.com; tel: 0788792586)

# IBIRIMO


UBURENGANZIRA

Sigaho wikoresha abana imirimo ivunanye





UBUREZI

Nyuma ya Catch-up ubu biga muri 12




UBUVUGIZI

I Gihombo umuyaga wasenye amashuri







**Ifoto y'inyuma: No comment!**

Yafotowe muri Werurwe 2015, mu murenge wa Gihombo, akarere ka Nyamasheke.




Nyiraneza na Habamenshi babonye umuterankunga bajya kwiga




Agashimwe ku banyeshuri bandika udukuru

UBUMENYI


*Rahura ubwenge*

Statue of liberty....



20

KWAMBARA KARUVATI



Twisekere 21



# Kwiga bigoranye

## Byarangoye cyane kubera ko twari abana benshi... no kubona ibyo kurya byari bigoranye



Nitwa Noheri Pierre ntuye mu mudugudu wa Rusuzumiro mu murenge wa Gihombo akarere Ka Nyamasheke. Mfite Imyaka 18. Nigaga muri Catch-up ikorera mu Kigo Cya Rusuzumiro. Ubu narayirangije kandi natsinze ikizamini cya Leta ubu niga mu mashuri yisumbuye kuri G.S Kibingo.

Navukiye mu muryango ukennye cyane w'abana barindwi turerwa na mama na we utishoboye kuko papa yitabye Imana.

Kugira ngo mbashe kwiga byarangoye cyane kubera ko twari abana benshi kandi n'ibyo kurya byaratugoraga kandi twese mu bana ntawashoboraga kwicira inshuro.

Nyuma y'igihe bakuru banjye bagiye gukorera amafaranga baragira inka njyewe nsigara mu rugo. Naje kuva mu ishuri ngeze mu wa gatanu ahanini kubera ikibazo cy'inzara.

Nyuma yo guta ishuri naje no kujya mu birara nkajya nywa n'urumogi. Mu gihe nari muri ubwo buzima haje umwarimu wa Catch-up atubwira ibyiza byo gusubira mu ishuri. Abato abohereza muri primary zisanzwe naho twebwe atwohereza muri Catch-up. Iyi Catch-up ubusanzwe igenewe abana bacikirije amashuri yatangijwe na ADRA Rwanda mu murenge wacu.

Umuryango ADRA Rwanda muri gahunda yayo y' imbarutso y'iterambere yaradufashije cyane kuko batugiriye inama kugira ngo dutegure ahazaza hacu. Umukozi wa ADRA yadushakiye ibikoresho by'ishuri nk'amakayi, *boite mathematical* n'ibindi kugirango dushobore kwiga muri Catch-up neza nta kibazo.

Ubwo umwarimu wa catch-up yanshyize mu cyicyiro cya gatatu ( LEVEL 3) mpambwa amahirwe yo kukora ikizamini cya Leta kirangiza amashuri abanza. Naje mu cyiciro cya gatatu n'amanota 35. ubu niga mu mwaka wa 1 kuri G.S Kibingo.

Umugambi mfite ni ukwiga nshyizeho umwete nkazagera no muri kaminuza.

N'ubwo bimeze bityo ariko mfite impungenge kuko kugeza ubu nta bushobozi buhagije mfite bwo gukomeza amashuri yisumbuye. Gukomeza kubona udukoresho tw'ibanze bizakomeza kungora.

Nkaba nsaba ADRA gukomeza kutuba hafi ikadukorera ubuvugizi ibinyujije mu bo bireba kugira ngo badufashe dushobore kugera aho indoto zacu zigarukira.

Ndasaba abana bose twiganye muri Catch-up barangiza bakanga gukora ikizamini cya leta ko bihemukiye kuko gahunda ya Catch-up Gihombo ishaka ko urubyiruko rugana ishuri kandi bakarangiza neza buri cyiciro cy'amashuri.

Hari ababyeyi bamwe baca abana intege bavuga ko ntacyo bashoboye, ibyo rwose ntibikwiriye ahubwo bakwiye gufasha abana mu bushobozi bafite bakiga.

Bana mwanze kugana ishuri mwaracitswe. Nimugane Catch-up amahirwe atarabakamana kuko muri catch-up nahigiye byinshi bizamfasha mu buzima buri imbere. Nshoje ngira nti harakabaho Catch-up.





# Umubyeyi gito

## Mu byaha yaregwaga harimo gukoresha umwana imirimo y'agahato bikamukurizamo n'urupfu

Bikorimana Josee ndi umunyeshuri mu Kigo cya ESA Birambo (Ecole Secondaire de l'Assomption Birambo). Niga mu mwaka wa 6 Ikoranabuhanga, mfite imyaka 20.

Ubusanzwe imirimo ivunanye ku bana ibatera imvune nyinshi ndetse bikaba byanatuma badakura, gukuramo ibikomere by'umutima n'iby'umubiri, kutishima kuko baba barabayeho bababaye, abana babayeho gutyo kandi usanga batiga neza kuko bagera ku ishuri bakererewe, kandi n'iyo bahagereye ku gihe usanga bananiwe mu mitwe gukurikira mwarimu bikaba ikibazo.

Uretse n'ibyo kandi, kuvunisha umwana bishobora kumuviramo urupfu nk'uko byagendekeye umwana ngiye kubabwira.

Umubyeyi yari afite umwana yareraga n'abandi be babiri. Mu rugo habaga akazi kenshi ku buryo n'umukozi yafashe icyemezo cyo gutaha bitewe n'uko yavunikaga kandi ntashimwe. Ubwo umukozi amaze kugenda wa mwana ureranwa muri uwo muryango yabaye nk'aho agiye kujya akora imirimo umukozi yakoraga. Uwo mubyeyi yaramukoresheje cyane ku buryo atongeye gushaka undi mu kozi.

> Uwo mubyeyi yemeye icyaha kandi agisabira imbabazi. N'agahinda kenshi yatanze inama ku babyeyi agira ati "babyeyi ntimuzabe ababyeyi gito ngo mukore nk'ibyo nakoze, muzite ku bana bose n'abo mutabyaye....

Ntibyatinze uwo mwana yaje kuvanwa mu ishuri bitewe n'imirimo myinshi yo mu rugo. Yahoranaga agahinda kuko atarezwe n'ababyeyi be, yibwiraga ko iyo baba ababyeyi be batari kumufata nabi. Yibazaga niba ababyeyi be nabo bari kuba bamuvunisha nk'uko avunika.

Akababazwa kandi n'uko abandi bana babana batamufashaga kandi hari imirimo myinshi. Yakomeje kwihangana ariko uwo mubyeyi ntahweme kumuhoza ku nkeke no kumubwira ko ntacyo yakoze.

Igihe kimwe ubwo uyu mwana yari agize imyaka 12 y'amavuko , yaje gutonganyirizwa ko nta mazi ahari, ababwira ko yari bujye kuvoma avuye gukura ibijumba kuko yabikuraga kure.

Nyuma rero yigiriye inama yo kujya kuvomesha ijerekani ya litiro 20 n'ubwo yasaga n'aho imirusha ingufu ariko abikora kugira ngo avome menshi ataza gusubirayo.

Yaje kugira ibyago avuye kuvoma aranyerera ijerekani imwitura mu mugongo akomereka no mu mutwe. Yaratatse abantu baraza bamujyana

Komeza ku rup. 11



NITWA MUZIRANENGE CHRISTINE
UMWAKA WA 6 PCB
IKIGO CYA ST. JOSEPH BIRAMBO

# Kwirinda virusi itera SIDA birashoboka

**Twirinde ubusambanyi n'abadushuka bose, kuko nta kindi bagamije uretse kutwicira ubuzima**

.....amagara araseseka ntayorwa!

Biragoye ariko kandi birashoboka kwirinda virusi itera sida, hari ingamba nyinshi twafata kugira ngo turwanye uwo mwanzi ushaka kutuvutsa ubuzima (icyago sida)

Icyambere tugomba kurwanya ubusambanyi kuko mu busambanyi niho abantu benshi bandurira. Mboneyeho gusaba abashakanye ko bakomera ku nshingano biyemeje zo kudahemukirana, buri wese akirinda guca inyuma mugenzi we. Urubyiruko rurasabwa gukomera ku busugi n'ubumanzi kugira ngo rurusheho gutegura ejo heza rufite ubuzima buzima.

Umuntu wanduye virusi itera sida agomba kurangwa n'imyifatire myiza, agaca ukubiri no kuba ya kwanduza abandi ahubwo agafata iya mbere mu kuvuga ibibi bya sida, ashishikariza abatarayandura kwirinda, uwanduye kandi ntagomba kwiheba agomba kubahiriza inama ahabwa na muganga kandi agafata imiti neza uko bikwiye. Ikindi ntabwo agomba gucika intege ngo yange gukora mu gihe akibishoboye kuko imbaraga ze zikenewe mu muryango we ndetse no ku gihugu. Agomba kugerageza gufata kandi indyo yuzuye, akirinda ibiyobyabwenge kugira ngo bitamwangiriza umubiri.

Iyo witegereje ahanini usanga urubyiruko cyane cyane abakobwa ari bo babana na virusi itera sida, ibi bikaba biterwa ahanini n'abagabo babifite umuco mubi wo gushuka abana b'abakobwa bakabashukisha amafaranga ndetse n'izindi mpano bityo bakabashora mu busambanyi bagakurizaho no kwandura.

Sida rero kimwe n'ibindi byorezo igira ingaruka ku muntu wayanduye.

Baca umugani ngo "amagara araseseka ntayorwa". Udafite ubuzima bwiza kugera ku iterambere biramugora, niyo mpamvu tuvuga ko sida ibangamira uyirwaye. Ku bijyanye n'iterambere, umuntu wayanduye ahora atakaza amafaranga menshi yashoboraga gukoresha mu bindi bikorwa by'iterambere kandi n'imirimo yakoraga iragabanuka bityo aho gutera imbere agasubira inyuma cyane cyane iyo adakurikije inama za muganga.

Igihugu gifite abarwayi ba sida na cyo ntikigera ku iterambere ryihuse kuko gitakaza amafaranga menshi cyishyura imiti igabanya ubukana. Si ibyo gusa kandi kuko hari igihe usanga sida yarafashe na bamwe mu bayobozi bafitiye igihugu akamaro kanini, ndetse n'urubyiruko twari twizeye nk'imbaraga z'igihugu z'ejo hazaza. Kubura abo bantu rero bikaba inzitizi z'iterambere.

Tutitonze sida yadindiza iterambere ry'igihugu cyacu, niyo mpamvu nsaba buri wese kubungabunga ubuzima bwe, yirinda sida kugira ngo tugere ku iterambere rihamye.

Reka nsabe urubyiruko cyane cyane abana b'abakobwa bagenzi banjye kwirinda ubusambanyi n'abadushuka bose kuko ari nta kindi bagamije uretse kutwicira ubuzima.

Kugira ngo tubigereho rero twiyamye abagabo bafite umuco mubi wo gushuka abana b'abakobwa. Turasaba kandi Letay'u Rwanda guhana yihanukiriye abantu bakirangwaho uwo muco w'ico.

Reka nsubikire aha, nshimira cyane Leta y'u Rwanda na ADRA Rwanda ku nama n'inyigisho nziza badahwema kuduha ku byerekeye ubwandu bwa virusi itera Sida ndetse binyuze no mu ma Club-Anti sida kugira ngo turusheho gusobanukirwa n'ububi wayo turi mu makipe/tsinda dukoreramo. Sida ni indwara mbi cyane itagira umuti n'urukingo, yica buri we se ntawe irobanuye niyo mpamvu nsaba buri wese ko twahuza imbaraga tukayirwanya.

Yari MUZIRANENGE CHRISTINE
UMWAKA WA 6, PCB
IKIGO CYA St. Joseph Birambo



NITWA RWIMIGABO GATETE CALLIXTE NIGA MU CYICIRO CYA 3 (LEVEL 3) CATCH-UP BIRAMBO

# SIDA YANGIZE IMFUBYI NKIRI MUTO

SIDA yangize imfubyi nkiri muto. Amazina yanjye nitwa Rwimigabo Gatete Callixte, Umudugudu Rasaniro, Akagari Musasa, umurenge Gashari, akarere Karongi. Mfite imyaka 27, nkaba niga mu cyiciro cya 3 (level 3) Catch-up Birambo.

Navutse numva bavuga Sida ariko bikanyobera, nkajya mbaza abandi bana twakundaga gukinana ku ishuri nabo bakambwira ngo ntabwo bazi icyo ari cyo ariko nkumva mfite amatsiko yo kubimenya.

Nyuma naje gutinyuka mbaza mukuru wanjye tugiye ku ishuri arambwira ngo ni indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina, ariko ubwo nari akana gato k'imyaka icyenda gusa, nigaga mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Mu by'ukuri sinasobanukiwe icyo ashatse kuvuga. Nakomeje kugira amatsiko nza kongera kumubaza arambwira ngo iyo umuntu ayirwaye akaryamana n'utayirwaye ahita amwanduza. Arongera arambwira ati "iyo usangiye ibikoresho bikomeretsa nk'urwembe, inshinge, igikwasi n'umuntu uyirwaye ashobora kuyikwanduza ariko ansobanurira neza ko ahanini yandurira mu mibonano mpuzabitsina."

Ibyo byose yambwiye sinabashije gusobanukirwa kubera ko nari nkiri muto. Icyakora uko nagiye nigira ejuru niko nagiye ndushaho gusobanukirwa ibyo mukuru wanjye yambwiye. Natangiye kujya numva bavuga ngo runaka arwaye SIDA, runaka yishwe na SIDA..., nkumva ngize ubwoba nkavuga nti 'ejo ninjye uzapfa'.

Mutege amatwi mbabwire ibyambayeho.

> ...BYATUMYE NKURA NTEKEREZA CYANE KURI SIDA KUKO NARI MAZE KUMENYA KO YICA. IMYIGIRE YANJYE NAYO YAHISE IRANGIRIRA AHO!

**Data yatabarutse mfite 10 gusa!**

N'ubwo nari mfite imyaka 10 gusa, nibuka ko bamushyingura bamwe mu baturanyi numvaga bajujura mu matamatama bati "aho si cya cyorezo cyateye?!", ariko njyewe nkayoberwa ibyo bavuga. Nyuma y'umwaka umwe, mama na we yararwaye araremba, mbere y'uko apfa yarampamagaye arambwira ati "mwana wanjye dore uracyari muto, ndagiye ariko uzitondere igitsina-gore kiri hanze aha, dore so niwe wanzaniye icyago Sida". Nyuma y'igihe gito nawe yitabye Imana njyewe n'abo tuvukana dusigara turi imfubyi dutyo.

Ibi byatumye nkura ntekereza cyane kuri sida kuko nari maze kumenya ko yica. Imyigire yanjye nayo yahise irangirira aho, none abo twiganaga ni abarimu (professeurs) abandi babaye abantu bakomeye naho njyewe niga muri gahunda ya Catch-up yazanywe na ADRA Rwanda kugira ngo ndebe ko nazakomeza no mu yisumbuye n'ubwo imyaka yansize nyireba!

Nshuti zanjye mbarondoreye icyo cyago Sida kitagira umuti ntikigire n'urukingo cyaje koreka imbaga y'abantu ku isi dutuye, bwakwira bugacya.

Ntabwo byaciriye aho, ibigeragezo by'icyo cyorezo SIDA byarakomeje. Ubwo bashiki banjye babiri bankurikiraga bombi nabo bamaze kubura ubufasha bw'ababyeyi, nabo bahise bakurikira ababyeyi bacu nyuma y'imyaka ibiri gusa, kandi nyuma byaje kumenyekana ko bavukiye mu bwandu bwa virusi itera sida.

Ababyeyi banjye bombi, bashiki banjye babiri, abo bose mba ndababuze kubera VIH Sida! Nakuze mfite ubwoba ko nanjye nzapfa, ubupfubyi n'ubuzima bubi nasigayemo byanteye kujya kuba mayibobo i Kigali nk'uko nabibaganiriye muri Nomero ya 3 na Nomero ya 7 y'akanyamakuru Imbarutso y'Iterambere, ariko aho mariye gukura naripimishije nsanga ndi muzima! Nk'uko nabigarutseho muri izo Nomero ubu navuye mu muhanda niga muri Catch-up ubu mfite icyizere ko nzakora ikizamini gisoza amashuri abanza ngakomeza mu yisumbuye umwaka utaha, 2016.

None rero bashiki banjye, barumuna banjye, bakuru banjye, babyeyi mutuye uru Rwanda rwa Gasabo, mubugabunge ubuzima bwanyu mukumira icyorezo cya Sida. Basore namwe nkumi mbere yo kurushinga mubanze mujye kwa muganga kwipimisha murebe ko muri bazima, erega baravuga ngo roho nzima mu mubiri mu zima.

Ndangije mbashimira mbifuriza ubuzima buzira Virusi Itera Sida.

# Mama yanyoroherezaga imirimo kugira ngo mbone uko nsubira mu masomo...

Uwamukurikiza Immaculee niyo mazina yanjye, niga mu mwaka wa 5 Ikoranabunga (CSC) mu Kigo cya ESA Birambo.

Ndagira nti "mubyeyi utuye mu rwatubyaye sigasira iryo simbi niryo Rwanda rw'ejo".

Njye ndabaha urugero rwambayeho. Nigaga ntaha mu rugo, muri "Nine Year Basic Education" (Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9) ariko mama yamfashije muri byose amba hafi mu buryo bwose bushoboka kugira ngo nanjye nzatsinde mbone interinant (icumbi ku ishuri) kuko byasabaga kubona amanota meza kugira ngo uhabwe iri cumbi. Yanyoroherezaga imirimo kugira ngo mbone uko nsubira mu masomo, kandi akanshishikariza kwiga nshyizeho umwete ngo ejo ntazavaho nangara. Ibi byatumye ntsinda ku manota meza! Mbikesha uwo mubyeyi wambyaye.

Nkunze kubona ababyeyi batize bitwaza ko nabo batize, bityo bakumva ko umwana wabo na we yabaho mu buzima nk'ubwo babayemo ndetse ntibumve ko na we yakwiga akaminuza.

Rimwe na rimwe, bitewe no kwinubira imirimo ivunanye abana bakoreshwa, usanga bamwe bahitamo kwigira i Kigali cyangwa se mu yindi mijyi gukorera amafaranga. Abana b'abakobwa bo bakunze guhura n'ingaruka zikomeye. Bamwe baterwa inda batifuje, abandi bakandura virusi itera Sida, mbese bakabaho mu buzima bubabaje.

Babyeyi nimuhaguruke musigasire kandi muhore muharanira icyatuma abana banyu batera imbere, mwirinde ibyabasubiza inyuma, mubarinde imirimo ivunanye kuko aribo bazavamo abantu bakomeye nk'abaganga, abaminisitiri, aba enjeniyeri (engineer) n'abandi bayobozi ku nzego zinyuranye. Ibyo bizabafasha kugira no kwigirira akamaro mu buzima bwabo bityo bibafashe kuzaba abagabo n'abagore bafite icyerekezo cyiza kandi gihamye.



Mama yamfashije muri byose, akanshishikariza kwiga nshyizeho umwete amba hafi bishoboka kugira ngo nanjye nzatsinde mbone icumbi mu kigo kandi nabigezeho.

Mubyeyi, umunani wa mbere w'umwana ni ishuri kandi umubyeyi ni we shingiro ry'umwana kuko umwana ahabwa uburere n'umubyeyi we cyangwa se umurera. Erega mubyeyi nuharanira uburenganzira bwe uzaba umuteza imbere kandi nawe azakugoboka igihe uzaba ugeze mu zabukuru, fasha umwana wawe rwose.

Mubyeyi haranira ko umwana wawe atera intambwe ajya mbere aho kumudindiza mu bumenyi. Mufashe kuba yakoresha impano zimurimo. Muri izo mpano twavuga nko guhanga, kuririmba, kubyina gukina umupira, ndetse n'ibindi.

Baca umugani Mu Kinyarwanda ngo 'ntawe usarura aho atabibye'. Sigasira uburenganzira bw'iryo simbi, hato uwo mwana atazisanga yabaye icyomanzi kandi bitari mu bigomba kumuranga. Nyemerera mubyeyi ubiharanire kuko nibyo bigomba kuranga umubyeyi mwiza kandi w'indakemwa muri byose.

Namwe bana bagenzi banjye, ndabasaba ngo mureke kwigira ibyigenge, mukurikize inama mugirwa n'ababyeyi banyu cyangwa ababarera bityo muzarushaho kumenya neza uburenganzira bwanyu bityo muziteza imbere n'igihugu cyanyu muri rusange.

Bana namwe mwiga, nimukomeze inzira mwatangiye hato mudatera ababyeyi agahinda. Nimureke duharanire iterambere maze duseruke neza mu rwatubyaye, dukore ibyo tugomba gukora kandi mu gihe gikwiriye, tube aho tugomba kuba kuko ibyo bizadufasha gusiga isi ari nziza kurusha uko twayisanze.


### Nindangiza kwiga…

Ubu intego mfite nindangiza kwiga nanjye umubyeyi wanjye nzamwitura ineza yangiriye, ku ko n'ubundi ahora anyifuriza ko natera imbere uko bwije n'uko bukeye.

# ABANYAMAHIRWE

## Babonye umuterankunga

**Yamenye ibibazo by'aba banyeshuri binyuze mu kiganiro cya ADRA Rwana yumvise kuri radio Flash fm, acyumviye kuri interineti yibereye aho akorera muri Amerika...**





Aba banyeshuri barangije muri Gahunda y'abana bacikirije amashuri izwi ku izina rya Catch-up. Nyuma yo kurangiza muri iyi gahunda bakoze ikizamini gisoza amashuri abanza ariko ntibari bashoboye guhita bakomeza mu yisumbuye kubera ibibazo by'ubukene bw'imiryango yabo.

Ubanza hejuru yitwa Nyiraneza Clementine afite imyaka 18. Atuye mu mudugudu wa Rusuzumiro, akagari ka Kibingo, Umurenge wa Gihombo akarere ka Nyamasheke, intara y'Uburengerazuba. Yaratsinze abura uko akomeza mu mashuri yisumbuye kubera ko iwabo ari abakene. Nyina afite ubumuga bwo mu mutwe. Avukana n'abana 8. Abana na Nyirakuru ushaje utagifite imbaraga zo gushaka ibibatunga. Se wa Nyiraneza ni we utunze abandi bana bavukana ariko ngo nta bushobozi yabona bwo kwishyurira umwana mu mashuri yisumbuye.

Ku ifoto yo munsi ni Habamenshi Laurent, afite imyaka 19. Atuye mu murenge wa Gihombo akarere ka Nyamasheke, intara y'Uburengerazuba. Avuga ko iwabo ari abakene cyane. Yarize arangiza amashuri abanza (Primaire) atsinda ikizamini cya Leta ariko abura ubshobozi bwo gukomeza mu Yisumbuye aricara. Nyuma yaje kumva ko ADRA yazanye Catach-up (gahunda y'abana bacikirije amashuri) asubira mu ishuri afite icyizere ko ADRA izamufasha kwiga. Yongeye gutsinda ikizamini gisoza amashuri abanza ariko n'ubu yabuze ubushobozi bwo gukomeza muri mashuri yisumbuye. Ubu yicaye mu rugo. ADRA yabahaga amakayi n'utundi dukoresho igihe bigaga muri Catch-up ariko uyu mushinga ubafasha kwiga muri Catch-up nta nkunga ufite yo kubafasha gukomeza mu mashuri yisumbuye.

Habamenshi ni umwana wa 4 mu muryango w'abana 8. Se yarapfuye abana na Nyina gusa. Kubera ko abenshi mu bana bavukana bari bato yahisemo kwicara afatanya na nyina kubashakira ibibatunga.

Umubyeyi witwa Uwizeye Dative, umunyarwandakazi ukorera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yumvise ikiganiro cya ADRA Rwanda kuri Radio Flash FM, yumva ukuntu aba bana bababaye kimwe n'abandi bagenzi babo, bimutera umutima w'impuhwe maze afata icyemezo cyo gufasha aba babiri. Ikiganiro yacyumvise tariki 15 Mata, 2015 acyumvira kuri internet aho ari muri Amerika. Ikiganiro cyavugaga kuri gahunda y'abana bacikirije amashuri yitwa Catch-up, cyibanda ku bana barangiza muri iyi gahunda bagatsinda ikizamini gisoza amashuri abanza ariko bagahura n'ibibazo bibabuza gukomeza mu yisumbuye cyangwa se bakiga bigoranye cyane. Mu ntangiro z'ukwezi kwa 5 uyu mubyeyi yohereje amadolari 100 ya Amerika ahwanye na 72,200 Frs kugira ngo aba bana bahite bajya mu ishuri. Buri mwana yasabwaga amafaranga abarirwa mu bihumbi 28000 kugira ngo atangire mu mwaka wa mbere. ICT:3,000frs; prime (agahimbazamusyi):3,000frs; impuzankano (uniform): 6,000frs; umupira w'imbeho:3500frs(si itegeko); kurya: 4000frs ku kwezi; isuka: 2000frs; ikarita y'ishuri:500f; n'umusanzu w'inyubako: 500frs. Icyakora usibye amafaranga y'agahimbazamusyi atangwa buri gihembwe, n'ayo kurya atangwa buri kwezi andi atangwa isnhuro imwe gusa mu mwaka.

Bahise bajya ku ishuri mu gihembwe cya 2 n'ubwo icya mbere batacyize. Biga ku kigo cya G.S Kibingo mu murenge wa Gihombo, akarere ka Nyamasheke.

Uwizeye Dative yishimiye ko aba bana bashoboye kujya ku ishuri. Avuga ko n'ubwo nta bushobozi buhambaye afite bwo kuba yafasha abanyeshuri benshi, azagerageza gukomeza gufasha aba bombi uko Imana izagenda imushoboza.

**Aba banyeshuri bombi bafotowe igihe bari bagifte ibibazo byo kwiga, niyo mpamvu batari bishimye!**



Uyu ni Uwizeye Dative wumvise akababaro k'aba banyeshuri bari barabuze ubushobozi bwo gukomeza mu mashuri yisumbuye akemera kubafasha. Imana imuhe umugisha.

# Twiga bigoranye... DUKENEYE UBUFASHA

Nitwa Nsengumuremyi Jacques nkaba mfite imyaka 18, ntuye mu mudugudu wa Rwabisindu akagali ka Kibingo umurenge wa Gihombo akarere ka Nyamasheke.

Twavutse turi abana batanu. Papa yaje gupfa adusigana na mama utishoboye. Kubera ko naburaga ibikoresho ndetse no kurya bigoranye, niyumvishije ko kwiga ari ukw'abana b'abakire naho twe abana b'abakene ari ukuzerera. Nyuma naje kumva amatangazo adukangurira kugana ishuri rizajya ryigisha nyuma ya sasita ari ryo Catch-up. Nagiyeyo bampa amakaye n'amakaramu ndiga.



Catch-up yanyongereye agaciro mu buzima bwanjye kuko inama nakuyemo zizamfasha mu buzima bwanjye bwose.

Nagize amahirwe akomeye kuko iyo ntaza muri Catch-up ntabwo nari gukora ikizamini cya leta gisoza amashuri abanza.Nta n'ubwo nari no kuzatekereza kugana ishuri ndetse no kuzakomeza. Imana imfashije nazakomeza amashuri ashoboka yose.

Ndashimira ADRA uburyo ki yatwitayeho bakaduha ibikoresho twari dukeneye ubu tukaba turangije amashuri abanza. Ubu natsindiye mu cyiciro cya gatatu nkaba niga mu mashuri yisumbuye kuri G.S Kibingo mu murenge wacu wa Gihombo, mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 12.

N'ubwo bimeze bityo ariko, urwishe ya nka ruracyayirimo! Kubera ubukene ibikoresho biratugora cyane ko kwiga kuva mu gitondo kugera nimugoroba ntitubone umwanya wo gukorera udufaranga nk'uko twabigenzaga twiga muri Catch-up. Nk'ubu nta bushobozi ndabona bwo kuba nafata ifunguro rya saa sita ku ishuri. Ibikoresho nabyo ntibitworohera kubibona.

Turasaba Leta kutuba hafi kandi ADRA tubaziho ubutwari ntimuzaturekure mukomeze mutube hafi mudufashe mudukorere n'ubuvugizi.

Ndashishikariza abana bacikirije amashuri ko Catch-up ari gahunda nziza cyane. Uretse no kutwigisha no kuduha ibikoresho, itugira n'inama z'ubuzima bw'ahazaza.

Bayobozi namwe babyeyi mufashe abo bana kuko ari bo bayobozi b'ejo hazaza kandi mubahe uburyo bwatuma bagera ku iterambere bifuza kugeraho. Sinarangiza ntashimiye uwagize uruhare wese kugira ngo nshobore gukora Ikizamini. ADRA mukomereze aho Imana yonyine niyo izabitura ariko nti muhagarikire aho.

Dusabimana Jacqueline mfite imyaka 18 nigaga muri Catch-up ku kigo cyitwa Rusuzumiro Primary School. Ntuye mu mudugudu wa Rusuzumiro, Akagali Kibingo, umurenge wa Gihombo, akarere ka Nyamasheke.

Twavutse turi batatu.Twabaye impfubyi tukiri bato turerwa na sogokuru, nyuma sogokuru na we yaje gupfa. Ubwo imibereho iba mibi cyane mbura ibikoresho, imyambaro, ibyokurya, mbese ubuzima bwari bubi cyane. Ubwo rero nahise ndeka ishuri kugira ngo nshake imibereho. Nacikirije amashuri ngeze mu mwaka wa 5 w'amasuri abanza.



Nyuma najye kumva amakuru ya Catch-up numva bakora neza kandi baduha igihe cyo gushaka imibereho (gukorera udufaranga uhingira nk'abaturanyi) n'igihe cyo kwiga. Ubwo nahise njya kwiga muri Catch-up ya Rusuzumiro kuko ari ho hari hafi yanjye.

ADRA yanyitayeho bikomeye kuko nabonaga ibikoresho by'ishuri, bampaye amahirwe yo gukora ibizamini nk'abandi bana. Ubu natsindiye mu cyicyiro cya gatatu niga muri 12 Years kuri G.S Kibingo mu mwaka wa 1.

Ndashimira ADRA, by'umwihariko umukozi wayo udukunda Sam Bigirimana ndetse n'abarimu bamfashije. Nkaba ndangije nsaba ADRA Rwanda ndetse na Leta y'u Rwanda ko bakomeza kumfasha kugira ngo nshobore gukomeza amashuri ari imbere.

Ndabasaba kandi ko mwakomeza kuba hafi y'abana bacikirije amashuri nabo bakabona umugisha nk'uwo twagize wo kwiga muri Catch-up bagakora ikizamini nk'abandi bana kuko iwacu baracyari benshi.

Amazina yanjye ni Dusabimana Jeanette Ntuye mu mudugudu wa Rusuzumiro, akagali ka Kibingo, umurenge wa Nyamasheke intara y'Uburengerazuba. Mfite imyaka 17. Nigaga muri catch-up ya Rusuzumiro Primary School.

Mu buzima bwanjye navutse mu bana barindwi (7) kandi imibereho mu rugo yari igoranye cyane kuko twari abakene. Nabonye kwiga bigoye mpitamo kuva mu ishuri ngeze mu mwaka wa gatanu (P5) kuko nabonaga ababyeyi nta mikoro bafite. Nabonaga turi benshi badafite uburyo bwo kudutunga.

Nyuma naje kumva itangazo ko hari ishuri rya Catch-up ryigamo abacikirije amashuri abanza. Sinahise njyayo kuko numvaga binteye ipfunwe ariko abari muri Catch-up barabinyumvisha numva ndabyakiriye ni uko nkomeza muri Catch-up Icyiciro cya 2. Nakoze ikizamini gisoza amashuri



abanza umwaka ushize mbona amanota 23 anyemerera kujya muri mahuri yisumbuye. Ubu niga kuri G.S Kibingo mu mwaka wa 1 n'ubwo nta mikoro ahagije mfite kubera ko umuryango wanjye ukennye. N'ubwo bimeze bityo ariko numva nifitiye icyizere ko na kaminuza nzayiga!

Ndashishikariza bagenzi banjye bacikirije amashuri kugana catch up kuko ADRA Rwanda yaramfashije impa ibikoresho by'ishuri nkaba narangiza nshimira ADRA n'umukozi wayo ndetse n'umwarimu Jean Bosco Bihezande bakunze guhimba Mpyisi.

# ...abo yatwaye yarabatwaye, n'abanduye baranduye...natwe abasigaye dufunge amarembo twifata



DUSENGIMANA ANATHALIE
UMWAKA WA 6 IBARURAMARI
ESA BIRAMBO

Birababaje kubona urubyiruko ari rwo rwishora mu ngeso mbi kandi ari rwo mbaraga z'igihugu. Njyewe iyo ndebye muri iki gihe nsanga urubyiruko rutakitwara neza, ngaho mu biyobyabwenge, ngaho za mayibobo hirya no hino mu mihanda, mu ngeso z'ubusambanyi sinakubwira!

Ibi byose ni inzira ituma urubyiruko rwandura virusi itera sida, hari urubyiruko rujya muri ibyo byose rwamara kwandura ugasanga rurimo kwicuza kandi ntaho bajya kuyivuriza kuko itagira umuti ntigire n'urukingo.

Rubyiruko nimuze turwanye sida tuyirinda, twirinda abashobora kutujyana mu ngeso mbi z'umusambanyi, nimureke dufatanye kandi tugirane inama, twumvire ababyeyi bacu, abarezi bacu ndetse n'inama tugirwa, tutibagiwe n'amakuru atandukanye atubwira kwirinda Sida; urugero ibiganiro bya ADRA Rwanda bica ku maradiyo.

Mugendere kure ibiyobyabwenge kuko biri mu bintu bituma urubyiruko rwishora mu busambanyi maze rukandura sida. Iyo umaze ku binywa uta ubwenge ntumenye iyo uva n'iyo ujya, ugasanga imyenda yayitaye mu muhanda mbese akarara aho abonye dore ko gutaha ntabyo aba atekereza.

Inama nagira urubyiruko ni uko rwakwirinda kandi rukimenya, rukamenya ko ubuzima iyo amagara asesetse atayorwa! Niyo mpamvu dukwiye kwirinda tukarinda n'abandi.

Rubyiruko niba kwifata bikunaniye koresha agakingirizo kandi ugishe inama no kwa muganga bazagufasha, gusa nabasaba kwifata kandi mukajya mu ma club anti-sida kuko mwahasanga inama n'ubumenyi byabafasha.

Inama nagira abagize ibyago bakandura sida ni uko batagomba kwiheba ahubwo bakihatira kujya kwa muganga bakabagira inama ndetse bakabaha n'imiti igabanya ubukana bwa sida, bakibumbira mu matsinda bakamenyana kandi bakagirana inama hagati yabo.

Muntu ubana n'ubwandu bwa virusi itera sida wikwiyandarika ukwirakwiza ubwo bwandu mu bandi bantu. Ifate kuko nawe bizakurinda kugumya kwiyongeramo iyo virusi, ahubwo ubagire inama ubaha ubuhamya bw'ibyakubayeho, bizatuma nawe bakuba hafi bakurinde kwiheba.

Nakomeza mbwira abatarandura gukomereza aho bakirinda kandi bakifata kuko ari byo bya mbere. Mwirinde kandi guha akato no kugendera kure abanduye kuko nabo ni abantu nk'abandi ni ababyeyi bacu, ni inshuti mbese ni abavandimwe, kandi ntabwo nabo bari banze kugira ubuzima bwiza.

Bavandimwe nshuti zanjye nkunda kandi mpora nifuriza ibyiza ndabasaba ngo dukore uko dushoboye kose twirinde. Baca umugani ngo "ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka" abo yatwaye yarabatwaye, n'abo yinjiyemo yabinjiyemo, natwe abasigaye mufunge amarembo mwifata.

Murakoze murakagira ubuzima buzima buzira Sida.

# Ntimuzabe ababyeyi gito nk'uyu mubyeyi

**Ibikurikira p.5**

iwabo ariko ijerikani yo yari yamenetse. Abamujyanye mu rugo batangajwe no kumva uwo mu byeyi ababajwe n'ijerikani ye yamenetse aho kubabazwa n'umwana wakomeretse.

Umwana babanje kwanga kumuvuza ngo ni umukene, ariko babonye akomeje kuremba bamujyana kwa muganga. Ku bw'amahirwe make umwana yaje kwitaba Imana kuko yari yagize ikibazo mu mu twe kandi ntiyajyanwa kwa muganga ku gihe.

Mu ishyingurwa ry'uyu mwana abantu bavugaga ko uyu mubyeyi ariwe wishe uyu mwana. Haje gukorwa iperereza uwo mubyeyi aza gutabwa muri yombi kuko basanze urupfu rw'uwo mwana arufitemo uruhare runini. Mu byaha yaregwaga harimo: gukoresha umwana imirimo y'agahato bikamukurizamo n'urupfu, no kutita ku mwana nk'umubyeyi.

Uwo mubyeyi yemeye icyaha cye, kandi agisabira imbabazi. N'agahinda kenshi yatanze inama ku babyeyi agira ati "babyeyi ntimuzabe ababyeyi gito ngo mukore nk'ibyo nakoze, muzite ku bana bose n'abo mutabyaye, yaba uwo murera cyangwa umukozi wo mu rugo mwubahe ubuzima bw'abana kuko ari bo Rwanda rw'ejo hazaza, nimube abanyampuhwe kandi mwereke urukundo abana murera. Ndasaba Imana imbabazi kubera uriya mwana nahemukiye nkaba nsaba n'Abanyarwanda bose imbabazi muri rusange" .

# NGO NTIBYARI BYOROSHYE...

Nitwa Dusabimana Jeanette mfite imyaka 17.



Nitwa Dusabimana Jacqueline mfite imyaka 17.



Nsengumuremyi Jacques mfite imyaka 18.



Turatsinze Jean Bosco mfite imyaka 16.



Nshimiyimana Patience mfite imyaka 16.





Nitwa Noheli Pierre mfite imyaka 17.



Nitwa Tuyishime Felicien mfite imyaka 18.



Ndabakuranye Ephrem mfite imyaka 19.



Nitwa Mukatuyizere Yvette mfite imyaka 14.



Nitwa Ugirase Gerturde, mfite imyaka 15



Byilingiro Jean de Dieu mfite imyaka 15



Nsengimana Theodore, mfite imyaka 15



Nitwa Ganza Boaz mfite imyaka 14

Aba ni abanyeshuri barangije muri Gahunda y'abana bacikirije amashuri izwi ku izina rya Catch-up, ubu biga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye kuri G.S Kibingo rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 (12YBE). Ribarizwa mu murenge wa Gihombo, akarere ka Nyamasheke, mu ntara y'Uburengerazuba. Mu ntangiro z'umwaka w'amashuri 2015 iri shuri ryakiriye abanyeshuri 12 bavuye mu mashuri ya Catch-up anyuranye abarizwa muri uyu murenge.

N'ubwo bimeze bityo ariko, bose ntibafite icyizere gihamye cyo gukomeza bakarangiza kuko bavuga ko bafite imbogamizi zo kutabona ibikoresho by'ishuri ahanini bitewe n'uko bakomoka mu miryango ikennye cyane, naho abandi bakaba ari imfubyi zirera. Bamwe muri bo bavuga ko mu gihe bigaga muri Catch-up bazaga kwiga bamaze gukorera udufaranga (guhingira abaturanyi, kwikorera utuzigo, gukora mu kubaka umuhanda...), akaba ari natwo bakoresheje bagura udukoresho tw'ishuri ubu bakoresha. Nko muri aba bana bose bavuye muri Catch-up uko ari 12 nta n'umwe ufata ifunguro rya saa sita kubera ko batabona amafaranga 4000 basabwa kwishyura buri kwezi.

Ku rundi runde, hari bamwe mu bana barangije muri iyi gahunda bagatsinda ikizamini gisoza amashuri abanza ariko bakabura ubushobozi bwo gukomeza.


Umuyobozi w'iri shuri Bwana Mbonimpaye Jean Claude we avuga ko umunyeshuri wegereye uburezi bw'ikigo bumwakira akiga kabone n'ubwo yaba adashoboye kubona ibisabwa byose. Ngo ashobora kwemererwa akagenda abishaka yiga ndetse byaba bigaragara ko ava mu muryango ukennye cyane akaba yasonerwa ibyo adashobora kubona nk'agahimbazamusyi, amafaranga y'ikoranabuhanga n'ibindi.

Ubusanzwe ADRA Rwanda ifite gahunda ya Catchup mu mirenge ya Murambi, Ruganda, Mutuntu na Twumba y'akarere ka Karongi, ndetse no mu mirenge ya Mahembe, Gihombo na Kilimbi y'akarere ka Nyamasheke.











Aba banyeshuri uko ari batanu nabo barangije Catch-up batsinda ikizamini gisoza amashuri abanza bakomeza mu yisumbuye kuri G.S Muhororo iherereye mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi, mu Burengerazuba.
Uhereye hejuru i bumoso: Imanigiraneza Manaseh (imyaka 19, yiga mu wa 2); Irankunda Valens (imyaka 19, yiga mu wa 1); Niyotwasenze Claudine (imyaka 16, yiga mu wa 1); Minani Laurent (imyaka 17, yiga mu wa 1); Niyigena Rachelle (imyaka 20, yiga mu wa 2).
G.S Muhororo iherereye mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi.

Abanyeshuri 12 bakiriwe kuri G.S Kibingo nyuma yo gutsinda ikizamini gisoza amashuri abanza bavuye mu mashuri y'abana bacikirije amashuri azwi ku izina rya Catch-up.

Abanyeshuri biga kuri G.S Muhororo mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi.





# Ndasaba ADRA Rwanda nk'uko yadufashije ikomeze idufashe cyangwa idukorere ubuvugizi



Nitwa Tuyishime Felecien, Narangije amashuri ya Catch-up ku kigo cya Rusuzumiro–Viro mu murenge wa Gihombo. Ubu niga mu mashuri yisumbuye mu wa **1** kuri G.S Kibingo.

Nitwa tuyishime Felecien narangije amashuri ya Catch-up mu kigo cya rusuzumiro – Viro mu murenge wa Gihombo.

Ndashimira Umukozi wa ADRA Rwanda wampaye ibikoresho nari nkeneye kugira ngo ngane ishuri ndetse n'abarimu banyigishije muri Catch-up mu kigo cya Rusuzumiro cyane cyane mwarimu Bosco wakomeje kumba hafi nkaba narakoze ikizamini cya leta nkaza mu cyiciro cya gatatu, ubu nkaba niga mu mashuri yisumbuye kuri G.S Kibingo.

Mu by'ukuri Catch-up nayungukiyemo byinshi, nari naracikirije amashuri kubera ko ndi imfubyi. Papa yasigiye mama abana umunani kandi ntabyo kudutunga adusigiye.

Bakuru banjye bagiye gushaka akazi ko kuragira amatungo nanjye nsigara mu rugo. Najyaga ku ishuri nagaruka inzara ikamerera nabi bityo ndivamo nsigara nkora akazi ko mu rugo.

Nyuma bagenzi banjye bankanguriye kwiga muri Catch-up ariko mbanza kubyanga kuko nari nzi icyankuye mu ishuri. Ariko mbonye mwarimu aduha ibikoresho dukeneye, ndetse akanatwigisha nyuma ya sasita umuntu yarangije umubyizi we byanteye akanyabugabo n'ishyaka byo gukomeza.

Ndasaba ADRA Rwanda na Leta y'ubumwe ko bakomeza kutuba hafi maze natwe tukazaba abayobozi b'ejo hazaza tukiyubakira igihugu cyacu. **Turasaba kandi ADRA Rwanda nkuko yadufashije ikomeze idufashe cyangwa se idukorere ubuvugizi.**

Abana baracyari benshi bacikirije amashuri bakora mu makawa, mu Kivu n'ahandi kandi iyo urebye neza umuntu utararangije amashuri abanza aba afite ibibazo by'ahazaza.

Turasaba kandi ko bishobotse Leta yakwita ku bana baba mu miryango y'abatishoboye kugira ngo ubwo burezi buri bose bubagereho ndetse n'ababyeyi bakabyara abo bashoboye kurera bityo ari umwana, umubyeyi ndetse na Leta bagakora iyo bwabaga mu kuzamura umwana.

Harakabaho Catch-up, harakabaho ADRA ndetse n'umukozi wayo n'abarimu bacu badahwema kutuba hafi.

# Nasubiye mu ishuri nkora icya Leta ndagitsinda ubu niga muri 12years



Abanyeshuri ba Catch-up mu murenge wa Gihombo

Nitwa Nkundumukiza Samson mu mudugudu wa Rusuzumiro, akagali ka Kibingo, umurenge wa Gihombo. Mfite Imyaka 18 nkaba narangije muri gahunda ya Catch-up ku kigo cya Rusuzumiro.

Nacikirije amashuri kubera ko nabonye kwiga bingoye kandi mama yari amaze kwitaba Imana, ubwo twasigaranye na papa gusa. Nataye ishuri ndi mu mwaka wa 4 mpita nigira kuragira inka ku Kibuye. Naje kugaruka iwacu noneho nsanga ubuzima burushijeho kuba bubi mpitamo kujya gukorera amafaranga ahandi ariko mu murenge wacu. Bangiriye inama yo kujya kwiga muri Catch-up njyayo bampa ibikoresho mbihawe naADRA Rwanda.

Ubwo narangizaga kwiga muri catch-up level II ADRA ndetse n'abarimu banjye bakomeje kunyitaho, umukozi wa ADRA Samuel Bigirimana aduha ibikoresho byose twari dukeneye ndetse n'abarimu beza. Ikiruta byose bampaye n'amahirwe yo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri abanza. N'ubwo numvaga naza mu cyicyiro cya mbere ntabwo natsinze kuko naje mu cyiciro cya kabiri 2 ariko niga muri 12 Years (uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12).

Ndasaba ADRA Rwanda nk'uko yadufashije ikomeze idufashe cyangwa se idukorere ubuvugizi kuko n'ubwo dufite ubushake kandi tukaba twarumvise n'impanuro zanyu nziza tuzagenderaho ubuzima bwacu bwose, dufite imbogamizi z'ibikoresho ndetse n'amafaranga yo gutanga ku ishuri.

Ndasaba ababyeyi birirwa mu kabari bagasigira inshingano abana nk'uko tubibona hirya no hino ko bakwitabira umurimo maze bagafasha abana babo kwiga.

Bana mwacikirije amashuri mugane Catch-up namwe mukiri bato mushobora kujya mu mashuri abanza asanzwe, mugane ishuri kuko uburezi ari urufunguzo rw'ubuzima.

Ndagije nshimira ADRA cyane cyane umukozi wayo Samuel Bigirimana na mwarimu wacu Mpy n'abandi barimu ba Catch-up ndetse n'abayobozi b'ikigo twigagamo bamfashije. Mwaratwitangiye. Imana ibahe umugisha.



# NIFUJE KO TWAGANIRA KU CYOREZO CYA SIDA

Ishimwe Pierre, mfite imyaka 15, niga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye ku kigo cy'Amashuri cya Mutagatifu Rene Birambo. Ntuye mu mudugudu wa Kayonga, akagari ka Tongati, umurenge wa Gashali, akarere ka Karongi, intara y'Uburengerazuba.

Nifuje ko twaganira ku cyorezo cya Sida. Iwacu mu rugo twavutse turi abana batanu ni njyewe mukuru. Twagize ibyago rero tuvukira mu bwandu bwa Virusi itera Sida.

Tumaze kubimenya twarihebye twumva ko ibyacu birangiye, ariko siko byari bimeze. Umuryango nyarwanda na Leta bagomeje kutwitaho uko bikwiye, tuza no kuba bakuru tujya mu mashuri kwiga yewe tugatsinda tukumva ko tumeze nk'abandi bana badafite ubwandu bwa Virusi itera sida. Baje kudufasha tujya mu mashyirahamwe y'ababana n'ubwandu bwa virusi itera sida, ibyo byaturinze kugomeza kwiheba.

Ubu ngeze mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye, kandi nizeye ko nzakomeza kuko dufite abatwitayeho kandi n'igihugu cyacu kituri hafi kimwe n'abandi bahuye n'aka kaga.

Nkaba ngira inama abantu batarandura kwifata ntihagire umuntu wabashuka ngo basambane kuko ashaka kuroha ubuzima bwawe mu kaga gakomeye, kandi ubwo aba agushukishije utuntu tw'amafuti. Gusa niba ubona kwifata bidashobotse ukoreshe agakingirizo kazakurinda kwandura sida ndetse no gutwara inda utiteguye. Ikindi kandi mwirinde inzira zose sida ishobora kunyuramo ku giran go igere mu mubiri w'umuntu , nk'ibikoresho bikomeretsa kuko iyo mubikoresheje umwe yaranduye undi ataranduye icyo gihe mushobora kwanduzanya.

Ndagusaba ngushishikariza kujya kwa muganga kwipimisha Virusi itera sida kugira ngo umenye uko ugomba kwita ku buzima bwawe bwa buri munsi, wasanga waranduye abaganga bakakugira inama kandi na we ukarushaho gufata ingamba, wasanga kandi utarandura ukarushaho gukaza ingamba wifata.

Bavandimwe ntimugahe akato abantu babana na virusi itera sida. Tubarinde kubaheza mu bwigunge ibyo bizatuma nabo bigirira icyizere cy'ubuzima kuko bazakomeza kwiyumva mu muryango baturukamo ndetse no mu muryango nyarwanda.

Twibuke ko gusangira, gusuhuzanya, gukoresha umusarani umwe, kuganira … bitanduza sida, ni muri urwo rwego rero tugomba kubaba hafi.

Nawe muvandimwe wagize ibyo byago, sigaho reka kwiheba ngo ndapfuye birarangiye, ahubwo ugomba kumva ko ubuzima bukomeje kandi ko ugomba kubufata neza wirinda kuba wakwiyongerera ubukana bwa virusi ukora imibonano mpuzabitsina. Nimuhumure tubarihafi kandi natwe ababana n'ubwo bwandu urumva ko dutanga ubuhamya. Turinde kandi dufashe abandi kwirinda Virusi itera sida.

> **Nkaba ngira inama abantu batarandura kwifata ntihagire umuntu wabashuka ngo basambane kuko abashaka kuroha ubuzima bwawe mu kaga gakomeye...**



# Uko muturera...

Nitwa Uwera Joselyne, mfite imyaka 18 niga mu mwaka wa 5 Computer science ku kigo cya ESA Birambo.

Iyo urebye uburenganzira bw'abana hirya no hino mu gihugu cyacu usanga hari abana bavutswa uburenganzira bwabo, bakoreshwa imirimo ivunanye, bagakurwa mu mashuri; ibi rero ukabona bidindiza abana.

Ubona hari abana bafite ubuzima budakwiriye abana b'Abanyarwanda kandi tuzi ko ari bo Rwanda rw'ejo. Iyo ushishoze usanga ibi bibazo akenshi biterwa n'ababyeyi bagifite imyumvire yo kubyara abo badashoboye kurera. Urugero hari nk'aho usanga umubyeyi afite abana 12! Hari n'ubwo usanga nka se ubabyara yibera mu nzoga atazi niba bariye cyangwa batariye, atazi niba biga cyangwa bararivuyemo. Ibyo koko murumva bikwiriye?

Icyakora n'abana dukwiye kumenya ko dukwiye kwitwara neza tukubaha ababyeyi n'abarezi kandi tugakurikiza inama nziza batugira. Hari nk'abana bata ishuri bagatoroka ababyeyi kandi yenda nta n'icyo babuze mu rugo bakigira ibirara. Ahanini usanga bashukwa n'abantu bakuru cyangwa abandi bana bafite imyitwarire mibi.

Ugasanga abana ku mihanda bita mayibobo birirwa basabiriza abandi bakangiza ibintu bagakora n'urugomo kugira ngo babone ibibatunga icyo gihe bagakurizamo no kunywa ibiyobyabwenge wareba ukabona bikabije. Izi ngeso zikunze kuboneka mu bana b'abahungu. Birababaje rwose!

Ntabwo nibagiwe n'abakobwa bakurwa mu ishuri kugira ngo bafashe ababyeyi kurera barumuna babo. Rimwe na rimwe hari n'abana b'abakobwa bakurwa mu ishuri ngo barere abana bagacika iwabo bakajya gukora akazi k'ubuyaya bakiri bato abandi bakaba ibyomanzi hirya no hino za Kigali n'ahandi!

Si byiza ko turebera abana b'u Rwanda bafatwa nabi, bakanahohoterwa. Buri mubyeyi wese agomba gufata umwana wese nk'uwe kandi babyeyi mukabyara abana mushoboye kurera, bityo natwe abana banyu mukatubera urugero. Kandi murabizi ko igiti kigororwa kikiri gito, uko muturera niko tuzakura.

Mubyeyi menya ko iyo ubyaye umwana ufite inshingano zo kumurera, ukumugorora aho ateshutse cyangwa yitwaye nabi, ukamutoza ikinyabupfura akiri muto ndetse ukamukunda kandi ukamwigisha kugira urukundo ukanubahiriza uburenganzira bwe kugira ngo akure neza.

Babyeyi ibi bintu ndumva bitagoye, mugomba rero kubitaho uko mushoboye kuko ari bo bayobozi b'ejo hazaza.

Bana, natwe ntidukwiye kwitwara uko twiboneye ahubwo tugomba kubaha ababyeyi bacu tukiga uko bikwiye tugatsinda bigashimisha ababyeyi bacu ku buryo badacika intege mu kutwitaho n'ubwo bwose ari inshingano zabo. Igihe tuvuye ku ishuri tukabafasha uturimo two ku mugoroba, tugasubira mu byo twize ubundi ubuzima bugakomeza, icyo gihe tuzakura neza nta mico mibi iturangwaho.

Sinarangiza ntashimiye Leta y'u Rwanda yashyizeho uburezi bw'imyaka 12 kugira ngo buri mwana wese yibone mu ishuri.

Bamwe mu bana b'abakobwa bakurwa mu ishuri kugira ngo barere barumuna babo.



Kubera iyo myumvire ababyeyi bari baranshyizemo sinashoboraga kumwegera cg ngo muvugishe. Nyuma naje gusobanukirwa neza ko ntashobora kwandura virusi itera sida igihe mvugishije umuntu wayanduye.



# IMYUMVIRE IGAYITSE

Nitwa Tuyisabe Yvonne, niga Kuri G.S.st Rene Birambo. Mbyiruka nabonaga ababyeyi banjye bafite imyumvire igayitse kuko biyumvishaga ko uramutse wegereye umuntu wanduye virusi itera sida ukamuvugisha, cyangwa mugasangira wahita uyandura. Najye bakomeje kunyumvisha ko ndamutse mwegereye cyangwa nkamuvugisha nshobora guhita nandura ako kanya. Nakomezaga kubagenderaho kuko nari ntarasobanukirwa neza uburyo umuntu ashobora kwanduramo virusi itera sida

Ubwo hafi y'imuhira twari duturanye n'umwana w'umukobwa wagize ibyago akavukana virusi itera sida. Kubera iyo myumvire ababyeyi bari baranshyizemo sinashoboraga kumwegera cyangwa ngo muvugishe. Iyo nabonaga tugiye guhura sinabaga ngiciye muri iyo nzira ahubwo nanyuraga mu yindi cyangwa nkanyura mu bihuru kuko numvaga ko byanze bikunze ashobora guhita anyanduza virusi itera sida.

Iyo yazaga imuhira bahitaga batubwira ngo tujye mu nzu dukinge hanyuma uwo mwana w'umukobwa agahinda kakamwica akicara ku irembo wenyine akigunga yarangiza agataha. Nyuma naje kugira amatsiko negera umujyanama w'ubuzima ngo mubaze uburyo umuntu ashobora kwandura virusi itera sida. Natunguwe cyane n'ibisobanuro yampaye. Yambwiye ko umuntu ashobora kwandura virusi itera sida muri ubu buryo: gutizanya ibyuma bikomeretsa no gukorana imibonano mpuzabitsina n'umuntu wanduye mudakoresheje agakingirizo. Yanambwiye kandi ko umubyeyi ashobora kwanduza umwana amubyara igihe atabyariye kwa muganga.

N'ubwo yari amaze kunsobanurira ibyo byose byaramugoye kunyumvisha ko ntashobora kwandura mvuganye cyangwa nsangiye n'umuntu wanduye virusi itera sida. Nyuma naje gusobanukirwa neza ko ntashobora kwandura virusi itera sida mu gihe mvugishije umuntu uyirwaye.

Mu by'ukuri uwo mwana yarihebye kuko yabonaga ntawe afite umwitayeho kuko n'aho yabaga bamuhaga akato. Bari baramuhaye igikombe cye akagira isahani ye, ikiyiko cye, yewe buri gikoresho cyo mu rugo bari baramugeneye ibye kugira ngo atazagira uwo yanduza virusi itera sida.

Maze kubisobanukirwa naje kugira igitekerezo cyo ku mwegera ngerageza ku muhumuriza kuko yari yarihebye bikomeye. Naramuganirije mubwira uko n'ubwo yanduye virusi itera sida ubuzima bwe bugomba gukomeza, namusobanuriye ko nta mpamvu n'imwe yo kwiheba ngo yigunge ngo yumve ko atagera aho abandi bana bari. Kubera igikomere cyo kumenya ko yavukanye icyo cyago na we byaramugoye kubyakira, gusa uko iminsi yagendaga ishira niko yagendaga abyakira buhorobuhoro, nyuma naje kubisobanurira ababyeyi banjye na barumuna banjye ndetse n'umujyanama w'ubuzima na we aza kubibasobanurira kugira ngo nabo bave muri iyo myumvire mibi bari bafite.

Ubu uwo mwana arisanzura haba iwabo ndetse n'iwacu, iyo asanze tunywa, turya turasangira nta kibazo, ariga kandi aratsinda neza

Reka nsoze nihanganisha abana banduye Virusi itera sida ndetse n'ababyeyi. Wowe utarandura gerageza kwirinda. Ndasaba abantu bose kwirinda guha akato ababana na virusi itera sida.

# Gushishikariza abanyeshuri kwandika no gusoma mu mashuri...

imbarutso@adra.org.rw...
WWW.ADRA.ORG.RW

## IBIHEMBO KU BANDIKA



Frere Bimenyimana Theophile ushinzwe imyitwarire y'abanyeshuri muri G.S St. Joseph Birambo, mu murenge wa Gashali, akarere ka Karongi. Aha yashyikirizaga ishimwe abanyeshuri banditse inkuru mu kanyamakuru Imbarutso y'Iterambere ka ADRA Rwanda.

ADRA Rwanda muri porogaramu yayo yitwa *Action for Social Change* (ASC), iha umwanya abanyeshuri bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye bakandika udukuru tunyuranye muri aka kanyamakuru "Imbarutso y'Iterambere". Ni n'umwanya wo kugira ngo batange ibyifuzo n'ibitekerezo ku byo babona cyangwa bifuza ko byahinduka. Ni n'urubuga rwo kwikorera ubuvugizi ku bintu bimwe na bimwe cyangwa kubukorera bagenzi babo.

Iyo inkuru yuzuye ipaji yose, umwana ahabwa amafaranga ibihumbi bitanu. Iyo ituzuye ashobora kubona 2000frw, 3000frw cyangwa se 4000frw.

Ikigamijwe ni uguha umwanya abana kugira ngo bimenyereze kwandika ari nako bagaragaza ibitekerezo byabo.



Kaneza Eraste ushinzwe amasomo muri G.S St. Rene Birambo ashyikiriza abanyeshuri ishimwe ry'uko banditse inkuru mu kanyamakuru Imbarutso y'Iterambere ka ADRA Rwanda. Iri shuri riherereye mu murenge wa Gashali, akarere ka Karongi.



Habimana Charles, umukozi wa ADRA asobanurira abanyeshuri uko uwanditse agakuru neza ahembwa







Aya ni amwe mu mashuri yo kuri G.S Kibingo mu murenge wa Gihombo yasenywe bikomeye n'umuyaga. Umuyobozi w'iri shuri avuga ko atari ubwa mbere ibisenge bigurukanwa n'umuyaga kuri iki kigo dore ko ngo aka gace gakunze kubamo umuyaga uremereye.


# Catch-up Gihombo ntibafite aho bigira

Ishuri rya G.S Kibingo ni ishuri rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12. Rlherereye mu murenge wa Gihombo, akarere ka Nyamasheke, intara y'Uburengerazuba. Kuri iki kigo kandi ubusanzwe higiraga n'abana bacikirije amashuri muri gahunda izwi ku izina rya Catch-up yashyizweho na ADRA Rwanda. Abanyeshuri barangije muri iyi gahunda bakora ikizamini gisoza amashuri abanza abatsinze bagakomeza mu mashuri yisumbuye. Nko mu mwaka w'amashuri 2015 iki kigo cyakiriye nibura abanyeshuri 12 barangije muri Catch-up zikorera ku bigo by'amashuri bitandukanye byo mu murenge wa Gihombo.

Mu minsi ishize ariko umuyaga udasanzwe waraje usenya ibisenge by'amashuri kuri G.S Kibingo ku buryo amashuri amwe atashoboraga kubona aho yigira (reba ifoto). Amwe ikigo cyarayasannye mu bushobozi bwacyo ariko andi asigara ahagaze atagira ibisenge nk'uko bigaragara ku ifoto. Bwana Mbonimpaye Jean Claude uyobora iki kigo avuga ko yandikiye ubuyobozi bw'akarere kugira ngo bababafashe kuyasana kuko iri shuri nta bundi bushobozi rifite.

Ibi rero byagize ingaruka ku myigire y'abanyeshuri cyane cyane abigaga muri Catch-up kuko ibyumba bigiragamo byahise bishyirwamo abandi banyeshuri.

Usibye ikibazo cy'umuyaga ku ishuri rya G.S Kibingo cyakomye mu nkokora imyigire ya Catch-up, muri rusange ubu



Mbonimpaye Jean Claude uyobora ishuri rya G.S Kibingo i Gihombo

bisigaye bigoranye kubera ko ubusanzwe abanyeshuri ba Catch-up batangiraga kwiga abo muri Nayini na Twelive (9/12 Years Basic Education) batashye mu ma saa saba cyangwa saa munani z'amanywa.


Kuva aho Leta ishyiriyeho amabwiriza ko abanyeshuri bo mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 bafatira ifuguro rya saa sita ku mashuri, byahinduye amasaha batahiraga ku buryo hari n'ibigo bibacyura saa kumi n'imwe. Ibi byatumye abanyeshuri ba Catch-up biga bigoranye ku buryo abanyeshuri biga muri iyi gahunda batangiye gucika intege.

Abanyeshuri kimwe n'abarimu babo bavuga ko kwiga bigoranye kuko hari n'ubwo bategereza kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Ntampaka Adrien yiga muri Catch-up ikorera kuri G.S Gitsimbwe mu murenge wa Gihombo, Agira ati "Imbogamizi mfite ni aho kwigira. Iyo nje kwiga nza kare nahagera ngasanga abanyeshuri bo muri nayini barimo kwiga bikansaba gutegereza kandi mu mpera z'umwaka nzakora ikizamini gisoza amashuri abanza, urumva rero ko bitoroshye".

Mushimiyimana Gelardine ni umwarimu ya Catch-up yigira kuri ishuri rya G.S Gitsimbwe. Agira ati "rimwe na rimwe usanga twifashisha nk'insengero cyangwa se tukigishiriza munsi y'ibiti, ugasanga abana birababangamiye bicwa n'izuba. Ubuyobozi bw'ishuri rya Gitsimbwe bwadutije icyumba twigishirizamo mu gihe abanyeshuri bo muri nayini (9YBE) batarataha, ariko usanga abanyeshuri baba babyigana kubera ko akumba ari gato.

Bihezande Jean Bosco bakunze kwita Mpyisi yigisha Catch-up kuri G.S Kibingo. Avuga ko ikibazo nk'iki ndetse n'ibindi bibangamira imyigire y'abana babigeza ku mukozi ushinzwe uburezi mu murenge wa Gihombo bakarebera hamwe uko byakemuka. Ngo ubuyobozi burabizi kandi bagenda bashaka uko byakemuka binyuze mu kuganira n'ubuyobozi bw'ibigo Catch-up zigiramo.



# Rahura ubwenge

## Quiz



1) Ni ikihe gihugu kinini kiruta ibindi ku isi ?
2) Umusozi muremure kuruta iyindi ku isi witwa ngo iki ?
3) Intambara ya 2 y'isi yose yaragiye mu wuhe mwaka ?
4) Inzu Perezida wa Leta Zunze ubumwe za Amerika akoreramo (Office of the US President) yitwa ngo iki?
5) Ni iyihe nyanja nini kurusha izindi ku isi?

## Ikibumbano-shusho “Statue of Liberty” i New York




Statue of Liberty (Statue de la Liberté) ni ikibimbano-shusho cyaramamaye cyane ku isi kubera ko gifatwa nk'ikimenyetso cyo kwishyira no kwizana ndetse na demokarasi. Gikozwe mu ishusho y'umugore ufatiye hejuru ifumba y'umuriro mu kaboko kamwe, akandi gahagatiye igitabo. Ku birenge by'uyu mugore kandi haryamye umunyururu munini ucitse!
Iki kibumbano-shusho kiri mu marembo y'umujyi wa New York nko mu kilometero kimwe uvuye ku cyambu bitiriye abimukira ( landing point of immigrants) cyubatse ku karwa gato kitwa Ellis.



## Nawe menya uko bafunga karuvati

Ukunze kumva umuntu abaza undi ati “waba uzi gufunga karuvati ngo umfashe?” Nyamara buri wese yabyikorera kuko kubimenya byoroshye. Itegereze ku bishushanyo uribonera ko atari ibintu bikomeye!






## Ibisubizo bya Quiz

1) Uburusiya
2) Umusozi wa Everest, ufite uburebure bwa metero 8.848.
3) Mu 1945
4) Yitwa White House/Maison Blanche (inzu y'umweru)
5) Inyanja ya Pacifique



# Soma uraseka



Umugabo yatonganye n'umugore we baratukana cyaneee. Umugabo abwira umugore ati "fata imyenda yawe utahe iwanyu". Ako kanya telephone y'umugore iba irasonye. Umugore nawe aritaba asanga ni se umuhamagaye. Aramubwira ati "nashyize amafaranga miliyoni eshanu kuri konte, eshatu ni izawe naho ebyiri ni iz'umugabo wawe. Umugore abaza umugabo ati "harya wari umbwiye ngo iki?!" Umugabo aravuga ngo zana imyenda yawe nyimese!

**Musabimana Christine, umurenge wa Ruganda.**

### Duseke na Ndatimana Emmanuel, umurenge wa Ruganda

Umunsi umwe Pasiteri baramubwiye bati "iyo wagiye mu butumwa baguca inyuma. Maze na we ati "bareke nzabicungira". Kandi akenshi ntabwo abamucaga inyuma bazaga ukubiri ahubwo hazaga abagabo babiri rimwe. Nyuma aza kubwira umugore we ati ubu ngiye kuvuga ubutumwa mu mahanga. Aramuherekeza, akimara kuva aho ngaho, babagabo bamucaga inyuma baba barahageze. Na we ageze hirya gato aragaruka, abwira mugore we ko hari impamvu agize itumye agaruka. Maze umugabo umwe ajya munsi y'igitanda, undi ajya mu gisenge (plafond). Maze pasteri aravuga ati "n'ubwo abantu banyibye uri hejuru azabyishyura, ubwo yavugaga ko Imana ariyo izamwishyura ibyo bamwibye bigatuma asubika urugendo. Maze umwe uri mu gisenge yumvise ayo magambo agira ngo ni we bavuze aravuga ati "ntabwo ndi njyenyine, n'uri hasi munsi y'igitanda azabyishyura!

## TWISEKERE...

# Burya utazi ubwenge ashima ubwe...

Abanyeshuri babiri bigaga mu mwaka umwe w'amashuri yisumbuye batorotse ikigo maze baza kunywa inzoga mu gihe cy'ibizamini maze ntibabasha gukora ikizamini cyakozwe uwo munsi. Bagarutsew mu kigo basanga Umuyobozi w'ikigo ahagaze imbere y'ishuri ryabo, ababonye arababaza ati "Ko ntababonye ku rutonde rw'abakoze ibizamini mwari he?". Maze baramusubiza bati "Master (Muyobozi) twagize ikibazo gikomeye, kuko igihe twabyukaga mu gitondo hari umunyeshuri mugenzi wacu warwaye maze tumujyana kwa mu ganga. Umuyobozi w'ikigo arababwira ati "muri abana beza bafashanya kandi bagira urukundo, ngaho nimwitegure ngiye kubwira abarimu baze babahe ikizamini nk'abandi banyeshuri".
Ubwo umuyobozi ajya kureba abaporofe. Abana nabo basigara bavuga bati "tumuhenze ubwenge, n'ubwo ari master ntacyo arabutswe, burya turi abanyabwenge!
Igihe bakivuga ibyo, umuporefe aba arinjiye, maze abashyira mu byumba bitandukanye, abandikira ibibazo bisa ku kibaho, buri wese ukwe. Dore ibibazo byari bigize ikizamini :
1) Mbere yuko mujya ku kigo nderabuzima mwasabye uruhusa? Niba mwarusabye mwarusabye nde? /Amanota 25pts 2) Mbese ko ikigo cyanyu cyegeranye n'ibigo nderabuzima byinshi uwo munyeshuri mwamujyanye ku kihe kigo nderabuzima?/ Amanota 20 pts
3) Ese uwo munyeshuri mugenzi wanyu wari urwaye ni nde?/amanota 15 pts 4) Ese uwo munyeshuri yiga mu mwaka wa kangahe?/ Amanota 15 pts
5) Ese uwo munyeshuri akomoka he? Amanita 25 pts
Amahirwe masa!!!!!
Ikizamini sibwo kibakubise hasi kubera ko bari babeshye! Abanyeshuri basohotse mu kizamini bajya kureba Umuyobozi w'ikigo ngo abahe imbabazi kuko bari bamubeshye! Na we arababwira ati inama izareba icyo amategeko y'ikigo avuga!

**Tuyishime Emmanuel**
**E.S Ruganda-Umwaka wa 1**



# ABARANGIJE CATCH-UP BAGATSINDA IKIZAMINI CYA LETA BAKOMEZA MU MASHURI YISUMBUYE

Aba banyeshuri bagaragara ku ifoto ibanza hasi bambaye umweru hejuru na kaki hasi uko ari 12 (bari kumwe n'umukozi wa ADRA Samuel Bigirimana i bumoso, n'uwahoze ari umwarimu wa bamwe muri bo, Bihezande Jean Bosco(uhagaze ku ruhande i buryo) barangije muri Catch-up ku bigo bitandukanye byo mu murenge wa Gihombo akarere ka Nyamasheke, batsinda ikizamini gisoza amashuri abanza, ubu biga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye kuri G.S Kibingo rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 (12YBE), mu murenge wa Gihombo.

Aba bandi bane bahagaze ku ifoto iri hejuru yayo, nabo barangije Catch-up batsinda ikizamini gisoza amashuri abanza bakomeza mu yisumbuye kuri G.S Muhororo iherereye mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi, mu Burengerazuba. Andi mafoto asigaye ni abanyeshuri bakiri muri Catch-up mu mirenge ya Murambi, akarere ka Karongi, n'umurenge wa Gihombo mu karere ka Nyamasheke.







AMAFOTO

Uhereye hejuru: Abanyeshuri bakiri muri Catch-up ya Nkoto mu murenge wa Murambi, akarere ka Karongi.

Ifoto ikurikira uturutse hejuru ni abanyeshuri ba Catch-up Gitsimbwe mu murenge wa Gihombo mu karere ka Nyamasheke.

Ifoto yo hasi ni abanyeshuri ba Catch-up Nkoto mu murenge wa Murambi bari mu ishuri.







ADRA
Adventist Development and Relief Agency
Rwanda

P. O. BOX 2
KG 567 ST. 14
KIGALI - RWANDA
+250 252 574774
www.adra.org.rw

Dr. Ngaite Nkomo Mgeni, Coutry Director
Ana Albulqueque, Planning&Programs Director
Patrick Mphaka, ASC Porgram Manager
Esdras Nzeyimana, ASC Deputy Program Manager
Layout&Design: Etienne Ntawigira, Comm.&Advocacy Officer
Photography: Etienne Ntawigira